No. 1 2018

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

Ese Bibiliya iracyafite akamaro?

IBIRIMO

3	Ese inama Bibiliya itanga ziracyafite akamaro?
4	Inyigisho za Bibiliya zihuje n'igihe
6	Ese koko Bibiliya ntigihuje n'igihe? (Agasanduku)
8	Inama zidufasha kwirinda ibibazo
10	Inama zidufasha gukemura ibibazo
12	Inama zidufasha kwihanganira ibibazo
14	Bibiliya ituma tugira ibyiringiro
16	Ubitekerezaho iki?

ESE BIBILIYA IRACYAFITE AKAMARO?

Ese ko ikoranabuhanga risigaye rituma tumenya ibintu byose, ubwo Bibiliya iracyafite akamaro? Bibiliya igira iti:

"Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana, kandi bifite akamaro."—2 Timoteyo 3:16.

Iyi gazeti y'*Umunara w'Umurinzi* igaragaza uko Bibiliya ishobora kutuyobora mu mibereho yacu.

UMUNARA W'UMURINZI
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

Vol. 139, No. 1 2018 KINYARWANDA

Buri nomero isohoka ari amagazeti: 69.804.000 MU NDIMI 327

INTEGO Y'IYI GAZETI y'*Umunara w'Umurinzi,* ni iyo gusingiza Yehova Imana, we Mutegetsi w'Ikirenga w'ijuru n'isi. Ihumuriza abantu ibagezaho ubutumwa bwiza buvuga ko vuba aha Ubwami bw'Imana, ari bwo butegetsi nyakuri bwo mu ijuru, buzavanaho ibibi byose kandi bugahindura isi paradizo. Itera abantu inkunga yo kwizera Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo tuzabone ubuzima bw'iteka. Muri iki gihe Yesu Kristo arategeka, akaba ari Umwami w'Ubwami bw'Imana. Iyi gazeti yatangiye kwandikwa mu mwaka wa 1879, kandi ntiyivanga muri politiki. Ishingiye kuri Bibiliya kandi igendera ku buyobozi bwayo.

The Watchtower (ISSN 0043-1087) Issue 1 January/February 2018 is published by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 1000 Red Mills Road, Wallkill, NY 12589-3299, and printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739.

© 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.

Mu RWANDA:
Abahamya ba Yehova:
O.R.T.J.
B.P.529 Kigali Rwanda

Niba wifuza urutonde rwuzuye rwa za aderesi, jya kuri www.jw.org/rw/aderesi.

JW.ORG™

Ese wifuza guhabwa ibindi bisobanuro cyangwa kwiga Bibiliya ku buntu? | Jya kuri www.jw.org/rw | cyangwa utwandikire ukoresheje aderesi zagaragajwe haruguru.

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake. Niba wifuza gutanga impano, jya kuri www.jw.org/rw. Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya.*

Ese inama Bibiliya itanga ziracyafite akamaro?

BAMWE BARABIHAKANA. Hari umuganga wavuze ko gutanga inama wifashishije Bibiliya, ari nko kwigisha shimi ukoresheje igitabo cyo mu myaka ya 1920. Umuntu utemera Bibiliya ashobora no kuvuga ko ari nko gukoresha agatabo karimo amabwiriza ya mudasobwa ya kera kandi ufite igezweho. Muri make bavuga ko Bibiliya itagihuje n'igihe.

None se kuki umuntu yakoresha icyo gitabo cya kera kandi isi yarateye imbere mu by'ikoranabuhanga? Ubundi se, imbuga za interineti nyinshi ntizitanga inama n'ubuyobozi bihuje n'igihe! Ibiganiro byo kuri tereviziyo n'ibindi bitangazamakuru biba birimo inama z'abahanga mu bijyanye n'imitekerereze y'abantu n'imibereho yabo, iz'abantu bakomeye n'iz'abanditsi. Nanone hari amazu agurisha ibitabo birimo inama zafasha abantu, kandi biragurwa cyane.

Ese ko hari ahantu henshi twashakira inama zihuje n'igihe, kuki twakwigora tuzishakira muri Bibiliya imaze imyaka 2.000 yanditswe? Ese aho ba bantu batemera Bibiliya, ntibaba baravuze ukuri? Oya. **Ubumenyi n'ikoranabuhanga bigenda bihinduka, ariko imiterere y'umuntu ntihinduka.** Muri iki gihe na bwo abantu bifuza kumenya intego y'ubuzima, kugira ibyishimo, umutekano, umuryango mwiza n'inshuti nziza.

Nubwo Bibiliya yanditswe kera, igira icyo ivuga kuri izo ngingo n'ibindi bintu bitandukanye. Uretse n'ibyo, yahumetswe n'Umuremyi wacu. Ishobora kutuyobora mu mibereho yacu yose kandi ikaduha ibikenewe byose ngo duhangane n'ibibazo (2 Timoteyo 3:16, 17). Ikindi kandi, itanga inama *zihora* zihuje n'igihe, zitazigera zita agaciro. Bibiliya igira iti: "Ijambo ry'Imana ni rizima."—Abaheburayo 4:12.

Ese ibyo Bibiliya ivuga ni ukuri? Ese Bibiliya ihuje n'igihe? Ese inama itanga ziracyafite akamaro? Iyi gazeti y'*Umunara w'Umurinzi*, ari na yo ya mbere muri nomero zihariye, izadufasha kubona ibisubizo by'ibyo bibazo.

Inyigisho za Bibiliya zihuje n'igihe

TEKEREZA KURI IBI: Tuvuge ko ugiye gusura inzu ndangamurage, irimo ibishushanyo byinshi bya kera. Hari ibyahongotse, ibindi bitora uruhumbu, ibindi biramanyuka, mbese byarangiritse pe! Ariko ugize utya ubona kimwe kitangiritse kandi kimeze neza. Ubajije urimo kukuyobora uti: "Ese iki cyo ni gishya?" Arakubwiye ati: "Oya. Kimaze igihe kirekire kurusha ibyinshi muri byo kandi nta n'umuntu uragisana." Uramubajije uti: "Ese bari barakibitse aho kitakwangirika?" Arakubwiye ati: "Oya. Ahubwo ni cyo cyahuye n'imvura n'umuyaga biteye ubwoba, kandi hari abantu babi bashakaga kucyangiza." Ushobora guhita wibaza uti: "Ubwo se iki gishushanyo gikoze mu ki?"

Bibiliya imeze nk'icyo gishushanyo. Ni igitabo cya kera kuruta ibindi. Mu by'ukuri hariho ibindi bitabo bya kera. Ariko nk'uko bimeze kuri bya bishushanyo bindi twavuze, ibyinshi muri ibyo bitabo byagiye byangirika. Urugero, ibivugwa mu bitabo bya siyansi bya kera, byagiye bivuguruzwa n'ibindi bishya byaje nyuma. Inama zijyanye n'ubuvuzi zo muri ibyo bitabo, ubu zagira ingaruka aho kugirira abantu akamaro. Nanone, inyandiko za kera nyinshi zatakaje ibice bimwe na bimwe kandi zirangirika cyane.

Icyakora Bibiliya yo itandukanye na zo. Imaze imyaka 3.500 yanditswe ariko ntiyigeze yangirika. Nubwo Bibiliya yagiye igabwaho ibitero kuva kera, igatwikwa, abantu bakabuzwa kuyikoresha, igateshwa agaciro, na n'ubu iracyarimo ubutumwa bw'ingirakamaro. Nubwo hagiye havumburwa ibintu bishya, ntibyatumye Bibiliya ita agaciro kuko

yabaga yarabivuze mbere.—Reba ingingo ivuga ngo: “Ese koko Bibiliya ntigihuje n’igihe?”

AMAHAME YADUFASHA MURI IKI GIHE

Ushobora kuba wibaza niba inyigisho za Bibiliya zifite akamaro muri iki gihe. Kugira ngo ubimenye ibaze uti: “Ni ibihe bibazo byugarije abantu muri iki gihe? Ni ikihe kibazo gihangayikishije kurusha ibindi?” Wenda utekereje intambara, guhumanya ikirere, ubugizi bwa nabi cyangwa ruswa. Reka noneho dusuzume amwe mu mahame aboneka muri Bibiliya. Mu gihe uri bube uyasuzuma, wibaze uti: “Ese abantu bayakurikije, isi ntiyaba nziza?”

GUKUNDA AMAHORO

“Hahirwa abaharanira amahoro, kuko bazitwa ‘abana b’Imana’” (Matayo 5:9). “Niba bishoboka ku rwanyu ruhande, mubane amahoro n’abantu bose.”—Abaroma 12:18.

IMBABAZI NO KUBABARIRA

“Hahirwa abanyambabazi, kuko bazazigirirwa” (Matayo 5:7). “Mukomeze kwihanganirana no kubabarirana rwose igihe umuntu agize icyo apfa n’undi. Ndetse nk’uko Yehova* yabababariye rwose, abe ari ko namwe mubabarirana.”—Abakolosayi 3:13.

UBUMWE BW’AMOKO YOSE

Imana “ni yo yaremye amahanga yose y’abantu iyakuye ku muntu umwe, kugira ngo ature ku isi hose” (Ibyakozwe 17:26). ‘Imana ntirobanura ku butoni, ahubwo muri buri gihugu umuntu uyitinya kandi agakora ibyo gukiranuka ni we yemera.’—Ibyakozwe 10:34, 35.

KWIRINDA KWANGIZA ISI

“Yehova Imana afata uwo muntu amutuza mu busitani bwa Edeni ngo abuhingire kandi abwiteho” (Intangiriro 2:15). Imana ‘izarimbura abarimbura isi.’—Ibyahishuwe 11:18.

KWIRINDA UMURURUMBA N’UBUSAMBANYI

“Mwirinde kurarikira k’uburyo bwose, kuko niyo umuntu yagira ibintu byinshi ate, ubuzima bwe ntibuva mu bintu atunze” (Luka 12:15). “Ubusambanyi n’ibikorwa by’umwanda by’ubwoko bwose cyangwa umururumba ntibikigere binavugwa rwose muri mwe nk’uko bikwiriye abera.”—Abefeso 5:3.

KUBA INYANGAMUGAYO N’UMUNYAMWETE

“Twifuza kuba inyangamugayo muri byose” (Abaheburayo 13:18). “Umujura ntakongere kwiba, ahubwo akorane umwete.”—Abefeso 4:28.

GUFASHA ABANDI

“Muhumurize abihebye mushyigikire abadakomeye, mwihanganire bose”(1 Abatesalonike 5:14). ‘Mwite ku mfubyi n’abapfakazi mu mibabaro yabo.’—Yakobo 1:27.

Bibiliya ntivuga ayo mahame gusa, ahubwo inatwereka ko afite akamaro ikatwereka n’uko twayakurikiza mu mibereho yacu. Ese abantu baramutse bakurikije ayo mahame ya Bibiliya tumaze kuvuga, ibibazo bikomeye byugarije isi ntibyakemuka? Mu by’ukuri amahame ya Bibiliya afite akamaro kandi ahora ahuje n’igihe. None se inyigisho zo muri Bibiliya zagufasha zite muri iki gihe?

* Bibiliya ivuga ko izina ry’Imana ari Yehova.—Zaburi 83:18.

AKAMARO K'INYIGISHO ZA BIBILIYA

Umugabo w'umunyabwenge yagize ati: "Ubwenge bugaragazwa n'imirimo yabwo" (Matayo 11:19). Ese ibyo si ukuri? Tumenya ko umuntu afite ubwenge bitewe n'ibyo akora. Ariko ushobora kwibaza uti: "Ese niba Bibiliya ifite akamaro, ntiyagombye kuba hari icyo yamariye? Yamfasha ite guhangana n'ibibazo mfite ubu?" Reka dufate urugero.

Delphine* yari abayeho neza, nta cyo abuze. Ariko yaje kugira ibyago apfusha umwana w'umwangavu, urugo ruramunanira, aza no gukena. Yaravuze ati: "Ubu se mbaye uwa nde koko? Nta mugabo, umukobwa wange arapfuye kandi singira aho mba. Numvise ubuzima nta cyo bukimariye."

Delphine yavuze ko yiboneye ukuri kw'amagambo agira ati: "Iminsi y'ubuzima bwacu ni imyaka mirongo irindwi; twagira imbaraga zidasanzwe ikaba imyaka mirongo inani; nyamara iba yuzuyemo ibyago n'imibabaro, kuko ishira vuba, tukaba turigendeye."—Zaburi 90:10.

Bibiliya yafashije Delphine muri ibyo bihe bikomeye yari arimo. Ingingo eshatu zikurikira ziratwereka uko inama za Bibiliya zafashije n'abandi benshi gukemura ibibazo byari bibahangayikishije. Baje kubona ko imeze nk'igishushanyo twavuze tugi-

* Muri iyi ngingo no mu zindi eshatu zikurikira, hari amazina yahinduwe.

ESE KOKO BIBILIYA NTIGIHUJE N'IGIHE?

SIYANSI

BIBILIYA SI IGITABO CYA SIYANSI, ARIKO IBYO IVUGA KURI SIYANSI BIHUJE N'IGIHE. REKA TUREBE INGERO.

- **Ese isanzure ryagize intangiriro?**

Abahanga muri siyansi babanje gutekereza ko ritagize intangiriro. Ariko ubu bemera ko ryagize intangiriro. Bibiliya irabisobanura neza.—Intangiriro 1:1.

- **Isi ifite iyihe shusho?**

Kera abantu batekerezaga ko isi ishashe. Mu kinyejana cya gatanu Mbere ya Yesu, abahanga muri siyansi b'Abagiriki bavuze ko isi ari umubumbe. Ariko mbere yaho, mu kinyejana cya munani Mbere ya Yesu, umwanditsi wa Bibiliya witwa Yesaya yari yaravuze ko isi ari "uruziga," cyangwa umubumbe.—Yesaya 40:22.

- **Ese ijuru rizasaza?**

Umuhanga muri siyansi w'Umugiriki witwa Aristote wabayeho mu kinyejana cya kane Mbere ya Yesu, yavuze ko isi ari yo isaza, ariko ko ijuru ririmo inyenyeri ridashobora guhinduka cyangwa gusaza. Icyo gitekerezo cyamaze ibinyejana byinshi kemerwa. Ariko mu kinyejana cya 19, abahanga muri siyansi bavuze ko ibintu byose, byaba ibyo mu ijuru cyangwa ku isi, bigeraho bigasaza. Umuhanga muri siyansi witwa Lord Kelvin yashyigikiye icyo gitekerezo, avuga ko na Bibiliya ivuga ko ijuru n'isi "bizasaza nk'umwenda" (Zaburi 102:25, 26). Kelvin yatekerezaga ko Bibiliya ivuga ko Imana ishobora gutuma isi idasaza, bityo ikarinda ibyo yaremye.—Umubwiriza 1:4.

- **Isi n'indi mibumbe yo mu kirere bifashwe n'iki?**

Aristote yigishaga ko buri mubumbe ugenda uteretse mu wundi, isi ikaba iri hagati. Mu kinyejana cya 18, ni bwo abahanga muri siyansi bemeje igitekerezo kivuga ko inyenyeri n'imibumbe bishobora kuba bitendetse ku busa. Nyamara igitabo cya Yobu, cyanditswe mu kinyejana cya 15 Mbere ya Yesu, cyari cyaravuze ko Umuremyi 'yatendetse isi hejuru y'ubusa.'—Yobu 26:7

tangira. Bibiliya ntimeze nk'ibindi bitabo bisaza, bigata agaciro. Ese ibyo biterwa n'uko Bibiliya idasanzwe? Ese ni uko irimo ibitekerezo by'Imana aho kuba iby'abantu?—1 Abatesalonike 2:13.

Birashoboka ko nawe wiboneye ukuntu ubuzima ari bugufi kandi bwuzuyemo ibibazo. None se iyo ibibazo bikurenze, ni he ushakira inama n'ihumure?

Reka dusuzume ibintu bitatu bigaragaza ko Bibiliya ifite akamaro. Ishobora kugutoza

1 **kwirinda** ibibazo mu gihe bishoboka.

2 **kubikemura** mu gihe bivutse.

3 **kwihangana** mu gihe nta cyo wabihinduraho.

Mu ngingo zikurikira turasuzuma ibyo bintu bitatu.



UBUVUZI

NUBWO BIBILIYA ATARI IGITABO CY'UBUVUZI, IRIMO AMAHAME YADUFASHA KWITA KU BUZIMA.

- **Guha akato umuntu urwaye indwara yandura.**

Amategeko ya Mose yasabaga ko umuntu urwaye ibibembe ategera abandi. Hagati y'ikinyejana cya 5 n'icya 15 ni bwo abaganga bamenye ko iri hame rifite akamaro kandi na n'ubu riracyakurikizwa.—Abalewi igice cya 13 n'icya 14.

- **Gukaraba nyuma yo gukora ku murambo.**

Mu kinyejana cya 19, abaganga bari bagikora ku mirambo hanyuma bagakora ku bantu bazima badakarabye intoki, kandi ibyo byahitanye benshi. Ariko amategeko ya Mose yari yaravuze ko umuntu ukora ku murambo aba ahumanye. Nanone yasabaga ko umuntu wakoze ku murambo akaraba intoki. Uwo muhango w'idini watumaga abantu bagira ubuzima bwiza.—Kubara 19: 11, 19.

- **Kujugunya imyanda.**

Buri mwaka, abana barenga ibihumbi magana atanu bahitanwa n'indwara z'impiswi, akenshi bitewe n'imyanda yo mu musarani yandagaye. Amategeko ya Mose yavugaga ko abantu bagomba gutaba iyo myanda, ntibagire aho bahurira na yo.—Gutegeka kwa Kabiri 23:13.

- **Igihe cyo gukebwa.**

Amategeko y'Imana yavugaga ko umwana w'umuhungu agomba gukebwa amaze iminsi umunani avutse (Abalewi 12:3). Muri rusange, nyuma y'icyumweru ni bwo amaraso y'uruhinja aba ashobora kuvura ntakomeze kuva. Ibyo Bibiliya yari yarabivuze, mbere y'uko habaho iterambere mu buvuzi.

- **Kudahangayika bituma tugira ubuzima bwiza.**

Abaganga n'abahanga muri siyansi bavuze ko kugira ibyishimo, ibyiringiro, gushimira no kubabarira bituma umuntu agira ubuzima bwiza. Bibiliya igira iti: "Umutima unezerewe urakiza, ariko umutima wihebye wumisha amagufwa." —Imigani 17:22.

1

Inama zidufasha kwirinda ibibazo



Bibiliya ivuga ko inama zayo zahumetswe n'Imana kandi ko 'zifite akamaro ko kwigisha no gucyaha no gushyira ibintu mu buryo' (2 Timoteyo 3:16). Ese ibyo ni ukuri? Reka dusuzume ukuntu inama zirangwa n'ubwenge Bibiliya itanga, zafashije abantu kwirinda ibibazo bikomeye mbere y'uko bifata indi ntera.

KUNYWA INZOGA NYINSHI

Delphine twavuze mu ngingo ibanziriza iyi, yumvaga ko imihangayiko ye yagabanywa no kunywa inzoga nyinshi. Ni byo koko Bibiliya ntibuzanya kunywa inzoga mu rugero. Ariko nanone iravuga iti: "Ntukabe mu bantu banywa divayi nyinshi" **(Imigani 23:20).** Gukoresha nabi inzoga, byagiye bitera abantu indwara, bitanya inshuti kandi bituma abantu babarirwa muri za miriyoni bapfa imburagihe. Nyamara abantu bakurikije inama za Bibiliya, ibyinshi muri ibyo bibazo ntibyabageraho.

Delphine ni ko yabigenje. Yaravuze ati: "Naje kubona ko inzoga zidakemura ibibazo. Nakurikije ibivugwa mu **Bafilipi 4:6, 7**, hagira hati: 'Ntihakagire ikintu icyo ari cyo cyose kibahangayikisha, ahubwo . . . , mujye mureka ibyo musaba bimenywe n'Imana.' Buri joro iyo numvaga mpangayitse, nabibwiraga Yehova. Namubwiraga uko numvaga meze, urugero nk'igihe nabaga mfite umujinya, mbabaye cyangwa nihebye, kandi nkamusaba ko yamfasha gutuza. Bwacyaga numva ibitekerezo bibi byamvuyemo. Ibyo byamfashije kwibanda ku byo *mfite* aho gukomeza gutekereza ku byo *ntafite*. Naje kureka inzoga burundu. Sinifuzaga kubura amahoro nari maze kugira."

Inama za Bibiliya zishobora kudufasha kwirinda ibibazo bimwe na bimwe

UBUSAMBANYI

Ubusambanyi ni kimwe mu bintu bitera intimba n'agahinda kenshi. Ariko Bibiliya ishobora kudufasha kubyirinda, duhereye ku bintu biganisha kuri iyo ngeso, urugero nk'agakungu na porunogarafiya. Umusore witwa Samuel yaravuze ati: "Kugirana agakungu n'umuntu byaranyoroheraga cyane. Hari igihe numvaga umukobwa ntamukunze, ariko nkabona ko we ankunda. Ibyo byatumaga tugirana agakungu." Samuel yaje kubona ko bakunda kumushinja ko agirana agakungu n'abakobwa n'igihe yabaga atari byo agamije. Ibyo byatumye abikorera icyo. Ariko yabonye ko iyo ngeso idakwiriye. Yaravuze ati: "Agakungu ni kabi cyane, kuko gatera umuntu ubwikunde."

Samuel yasomye ingingo yagenewe abakiri bato yasohotse ku rubuga rwa jw.org. Yatekereje ku bivugwa mu **Migani 20:11** hagira hati: "Imigenzereze y'umwana ni yo igaragaza niba ibikorwa bye biboneye kandi bitunganye." Ibyo byamumariye iki? Yasanze ibyo yakoraga bitaboneye kandi bidatunganye. Yaje kuvuga ati: "Kugira agakungu bituma umuntu ukiri muto agira ingeso mbi zizamukurikirana na nyuma yo gushaka. Natangiye kwibaza uko byagenda ndamutse mfite umugore akabona mfitanye agakungu n'undi mugore. Nasanze iyo ngeso ari mbi kandi yangiza. Kuba kugirana agakungu byoroshye ntibisobanura ko byemewe." Samuel yaje guhinduka. Kwirinda agakungu byanamfashije kwirinda ubusambanyi.

Antonio we yari afite ikibazo gikomeye kurushaho, kuko yari yarabaswe na porunogarafiya. Nubwo yari yarashatse umugore akunda cyane, yahoraga ayireba. Yavuze ko gutekereza ku bivugwa muri **1 Petero 5:8** byamufashije cyane. Hagira hati: "Mukomeze kugira ubwenge kandi mube maso. Umwanzi wanyu Satani azerera nk'intare itontoma, ashaka kugira uwo aconshomera." Antonio yaravuze ati: "Amashusho ya porunogarafiya ari ahantu hose muri iyi si, kandi ntasibangana mu bwenge. Uwo murongo wamfashije gutekereza aho igishuko cyo kuyireba gituruka. Nagombaga kwibuka ko ayo mashusho yanduye aturuka kuri Satani. Ubu nzi neza ko Yehova ari we ushobora kumfasha 'kugira ubwenge no kuba maso' kugira ngo ndwanye ibitekerezo bibi kandi ndwanirire umuryango wange." Antonio yabonye inama yari akeneye, maze amaherezo areka iyo ngeso mbi. Ibyo byamurinze ingaruka zibabaje zari kumugeraho.

Koko rero, Bibiliya itanga inama zadufasha guhangana n'ibibazo bikomeye. Ariko se twavuga iki ku bintu byatubase cyangwa ku bibazo byatubayeho akarande? Reka turebe ukuntu Ijambo ry'Imana ryadufasha guhangana na byo.

2

Inama zidufasha gukemura ibibazo

Bimwe mu bintu bitubaho bimara imyaka myinshi, ku buryo bishobora kutubata tutabizi. Ese Bibiliya yadufasha guhangana n'ibintu nk'ibyo byatubayeho akarande? Reka dusuzume ingero nke.

GUHANGAYIKA BIKABIJE

Rosie yaravuze ati: "Nahoraga mpangayikiye ibintu natekerezaga ko bizambaho." None se ni iyihe mirongo yo muri Bibiliya yamufashije? Umwe muri yo ni uwo muri **Matayo 6:34**, hagira hati: "Ntimugahangayikishwe n'iby'umunsi w'ejo, kuko umunsi w'ejo uzaba ufite imihangayiko yawo. Buri munsi uba ufite ibibi byawo bihagije." Rosie yavuze ko ayo magambo ya Yesu yamufashije kureka guhangayikira ibizaba ejo. Yongeyeho ati: "Nari mfite imihangayiko ihagije, ku buryo ntari nkwiriye kongeraho ibindi bitazigera binaba."

Yasmine na we yari yararembejwe n'imihangayiko. Yagize ati: "Namaraga iminsi myinshi ndira kandi hari igihe ntasinziraga. Numvaga ibibazo byarandenze." Ni uwuhe murongo wamufashije? Yavuze uwo muri **1 Petero 5:7**, ugira uti: "Muyikoreze imihangayiko yanyu yose kuko ibitaho." Yasmine yaravuze ati: "Nakomeje gusenga Yehova kandi yashubije amasengesho yange. Ibyo byatumye numva nsa nk'utuye umutwaro uremereye. Hari igihe nongera kugira ibitekerezo bibi, ariko ubu nzi uko mbyitwaramo iyo bije."

KURAZIKA IBINTU

Umukobwa witwa Isabella yaravuze ati: “Numvaga ko kurazika ibintu bindi mu maraso kuko na papa ari ko yari ameze. Narekaga gukora ibintu by’ingenzi nkaruhuka cyangwa nkirebera tereviziyo. Iyo ni ingeso mbi kuko itera imihangayiko n’ubunebwe.” Ihame ryamufashije riri muri **2 Timoteyo 2: 15,** hagira hati: “Ukore uko ushoboye kose kugira ngo wihe Imana uri umukozi wemewe udakwiriye kugira ipfunwe.” Isabella yaravuze ati: “Sinifuzaga ko Yehova aterwa ipfunwe n’ibyo nkora bitewe gusa n’uko mbirazika.” Amaherezo yaretse iyo ngeso.

Kelsey yaravuze ati: “Iyo nabaga mfite ikintu ngomba gukora, nagikoraga ku munota wa nyuma. Hari igihe nariraga, ngahangayika kandi nkarara ntagohetse. Byari bibi pe! Kelsey yakurikije inama yo mu **Migani 13:16,** hagira hati: “Umunyamakenga wese agaragaza ubumenyi mu byo akora, ariko umupfu akwirakwiza ubupfapfa.” Gutekereza kuri uwo murongo byaramufashije. Yaravuze ati: “Ni byiza guteganya mbere y’igihe ibyo uzakora kandi ukabigeraho. Ubu mfite agakayi mu biro byange nandikamo ibyo nteganya gukora. Ibyo bimfasha gukorera ibintu igihe, aho kubikora ku munota wa nyuma.”

UBWIGUNGE

Kirsten yaravuze ati: “Umugabo wange yarantaye, ansigira abana bato bane.” Ni uwuhe murongo wamufashije? Ni uwo mu **Migani 17:17,** hagira hati: “Incuti nyakuri igukunda igihe cyose, kandi ikubera umuvandimwe mu gihe cy’amakuba.” Kirsten yashakiye inshuti mu bakorera Yehova. Izo nshuti zamumariye iki? Yaravuze ati: “Inshuti zange zinyitaho cyane. Hari abanzanira ibyokurya n’indabo. Nimutse inshuro eshatu zose, kandi buri gihe hari abazaga kudufasha kwimuka. Nanone hari uwanshakiye akazi. Rwose bambaye hafi.”

Delphine twigeze kuvuga, na we yari afite ikibazo k’irungu. Yaravuze ati: “Maze kubura byose, numvaga nabuze icyo mfata n’icyo ndeka. Numvaga nigunze pe!” Hari umurongo wamfashije wo muri **Zaburi 68:6,** ugira uti: “Imana ituma abari mu bwigunge batura mu nzu.” Yaravuze ati: “Nzi neza ko uyu murongo utavuga inzu nyanzu. Ahubwo naje gusobanukirwa ko Imana iduha inzu yo mu buryo bw’umwuka, ari ho hantu hari umutekano dusanga abandi bantu bakunda Yehova bakaduhumuriza. Ariko nasanze ntashobora kugirana ubucuti na bo ntabanje gukunda Yehova. Muri **Zaburi 37:4** na ho haramfashije. Hagira hati: “Ujye wishimira Yehova cyane, na we azaguha ibyo umutima wawe wifuza.”

Yongeyeho ati: “Nabonye ko ngomba kwizirika kuri Yehova. Ni inshuti iturutira izindi zose. Nanone natekereje imirimo ya gikristo nakorera hamwe n’abandi, kuko ibyo byari gutuma ngirana na bo ubucuti bukomeye. Nitoje kujya mbona ibyiza ku bandi aho kwibanda ku makosa yabo.”

Birumvikana ko inshuti zikunda Yehova na zo zidatunganye. Abahamya ba Yehova bahura n’ibibazo nk’iby’abandi. Icyakora ibyo twiga muri Bibiliya bidutoza gufasha abandi uko tubishoboye. Ni byiza kugira inshuti nk’izo. Ariko se Bibiliya yadufasha kwihanganira ibibazo bidashobora gukemuka, urugero nk’indwara idakira cyangwa agahinda?

Gukurikiza inama za Bibiliya bishobora kudufasha kubona inshuti nziza

3

Inama zidufasha kwihanganira ibibazo

Hari ibibazo tudashobora kwirinda cyangwa gukemura. Urugero, niba warapfushije uwawe cyangwa ukaba urwaye indwara idakira, nta kundi wabigenza uretse kubyihanganira. Ese Bibiliya yadufasha muri ibyo bibazo?

Bibiliya ishobora kuduhumuriza mu bihe bikomeye

INDWARA IDAKIRA

Rose yaravuze ati: “Ndwaye indwara mbi ituma mpora ndibwa cyane. Ngenda ndushaho kuremba.” Ikintu cyarushagaho kumuhangayikisha, ni uko atashoboraga kwiga Ijambo ry’Imana no gukora ibindi bikorwa bya gikristo. Ariko yafashijwe n’amagambo ya Yesu ari muri **Matayo 19:26,** agira ati: “Ku Mana byose birashoboka.” Rose yaravuze ati: “Naje kubona ko hari uburyo bwinshi bwo kwiyigisha. Bitewe n’uko akenshi aba ababara, yatangiye kujya atega amatwi Bibiliya cyangwa ibitabo by’imfashanyigisho zayo byafashwe amajwi.* Yaravuze ati: “Sinzi uko nari kubigenza, iyo ibyo byose biba bitabaho.”

Iyo Rose ananiwe gukora ibyo yakoraga kera, ahumurizwa n’amagambo ari mu **2 Abakorinto 8: 12,** agira ati: “Iyo mbere na mbere ubushake bwo gutanga buhari, birushaho kwakirwa neza hakurikijwe icyo umuntu afite, hadakurikijwe icyo adafite.” Ayo magambo yibukije Rose ko Imana yishimira ibyo akora kuko akora ibyo ashoboye nubwo afite imbaraga nke.

* Ibyafashwe amajwi biboneka ari byinshi ku rubuga rwa jw.org/rw

AGAHINDA

Delphine twigeze kuvuga yagize ati: "Umukobwa wange w'imyaka 18 amaze gupfa, nari mfite agahinda kenshi ku buryo numvaga ibyange birangiye. Numvaga bindenze." Yahumurijwe n'amagambo ari muri **Zaburi 94:19,** aho umwanditsi wa zaburi yavuze ati: "Igihe ibitekerezo bimpagarika umutima byambagamo byinshi, ihumure riguturukaho ryatangiye gukuyakuya ubugingo bwanjye." Yaravuze ati: "Nasenze Yehova kugira ngo amfashe kubona icyo nakora kikamfasha kwihangana."

Yakoze umurimo w'ubuvoronteri atizigamye. Yigereranyije n'ikaramu y'igiti. Nubwo yavunika, uduce twayo baraduconga tukongera gukoreshwa. Kimwe n'iyo karamu yavunitse, Delphine na we ashobora gufasha abandi nubwo aba afite agahinda. Yaravuze ati: "Naje kubona ko iyo mpumurije abo nigisha Bibiliya nkoresheje amahame ya Bibiliya, ari uburyo Yehova aba akoresheje ngo ampumurize." Yakoze urutonde rw'abantu bavugwa muri Bibiliya bagize agahinda kenshi. Yaravuze ati: "Nasanze bose barakundaga gusenga. Ntushobora kwihangana udasoma Bibiliya."

Kwiga Bibiliya nanone byafashije Delphine kwibanda ku gihe kizaza, aho kwibanda ku byahise. Yahumurijwe n'amagambo ari mu **Byakozwe 24:15,** hagira hati: "Hazabaho umuzuko w'abakiranutsi n'abakiranirwa." Ni iki kimwizeza ko umukobwa we azazuka? Yaravuze ati: "Nzabona umwana wange kuko Yehova yarangije gushyiraho itariki azamuzuriraho. Hari igihe njya mubona turi kumwe mu busitani bwacu, nkumva bimeze nk'igihe twabaga turi kumwe akiri muto."

IMANA IDUFASHA ITE?

Igisubizo Bibiliya itanga kirumvikana. Igira iti: "Yehova aba hafi y'abamwambaza bose; aba hafi y'abamwambaza mu kuri bose. Azahaza ibyifuzo by'abamutinya, kandi azumva ijwi ryo gutabaza kwabo maze abakize" (Zaburi 145:18, 19). Ese kumenya ibyo ntibihumuriza? Imana isubiza ite amasengesho y'abantu bifuza ko ibayobora?

- **ITANGA IMBARAGA:** Ibibazo bishobora kutunegekaza, bikadutesha umutwe kandi bikaduca intege mu buryo bw'umwuka (Imigani 24:10). Ariko Yehova 'aha unaniwe imbaraga, kandi udafite intege amwongerera imbaraga nyinshi' (Yesaya 40:29). Intumwa Pawulo wahuye n'ibibazo byinshi yaravuze ati: "Mu bintu byose, ngira imbaraga binyuze ku umpa imbaraga" (Abafilipi 4:13). Imana yahaye Pawulo umwuka wera agira imbaraga. Nawe ushobora gusaba Imana umwuka wera.—Luka 11:13.
- **ITANGA UBWENGE:** Wakora iki se mu gihe ukeneye gusobanukirwa uko washyira mu bikorwa inama za Bibiliya? Intumwa Yakobo yaranditse ati: "Niba rero muri mwe hari ubuze ubwenge, nakomeze abusabe Imana kuko iha bose ititangiriye itama, itongeyeho incyuro; kandi azabuhabwa" (Yakobo 1:5). Kugira ngo ubone ibyo usaba mu isengesho, ukwiriye gusoma Bibiliya kandi uga—kurikiza inyigisho zayo (Yakobo 1: 23-25). Nubigenza utyo uzibonera ko inama zayo zihuje n'ubwenge.
- **ITANGA AMAHORO:** Yehova ashobora kudufasha no mu gihe duhangayitse bikabije. Ijambo rye rigira riti: "Ntihakagire ikintu icyo ari cyo cyose kibahangayikisha, ahubwo muri byose, binyuze ku masengesho no kwinginga no gushimira, mujye mureka ibyo musaba bimenywe n'Imana, kandi amahoro y'Imana asumba cyane ibitekerezo byose, azarinda imitima yanyu n'ubushobozi bwanyu bwo kwiyumvisha ibintu binyuze kuri Kristo Yesu" (Abafilipi 4:6, 7). Uge usenga Yehova umusaba amahoro.

Byagenda bite se mu gihe ibibazo ufite bidahise bikemuka? Ntukumve ko Imana yakwibagiwe. Nubwo ibibazo bitashira, Imana ishobora kuguha ubutwari n'imbaraga zo kubyihanganira (1 Abakorinto 10:13). Nanone Bibiliya idusezeranya ko mu gihe kizaza ibibazo byacu bizakemuka burundu.

Bibiliya ituma tugira ibyiringiro

TEKEREZA urimo ugenda mu mwijima ari nimugoroba. Nubwo izuba ryarenze, nta bwoba ufite kuko ufite itoroshi yaka neza. Iyo uyitunze hasi, uhita ubona ibiri imbere yawe. Iyo uyitunze kure irakumurikira ukareba n'imbere cyane.

Bibiliya imeze nk'iyo toroshi. Nk'uko twabibonye mu ngingo zibanza, Ijambo ry'Imana rishobora kudufasha guhangana n'ibibazo duhura na byo buri munsi muri iyi si mbi. Ariko ishobora no kutumurikira tukabona ibizaba mu gihe kizaza, bigatuma tubona inzira itugeza ku byishimo no kunyurwa (Zaburi 119:105). Mu buhe buryo?

Reka dusuzume ibintu bibiri Bibiliya ivuga, bituma tugira ibyiringiro by'igihe kizaza: **1 Ituma tugira ubuzima bufite intego** kandi **2 ikatwigisha uko twagirana ubucuti n'Umuremyi wacu.**

1 KUGIRA UBUZIMA BUFITE INTEGO

Bibiliya itugira inama zadufasha guhangana n'ibibazo. Inama itanga zirenze izo mu bitabo bisanzwe. Aho kugira ngo idutere inkunga yo kwita ku bibazo byacu gusa, inatwereka ko tugomba no kwita ku bandi. Ibyo ni byo bishobora gutuma tugira ibyishimo.

Reka dufate urugero rw'ihame rya Bibiliya rigira riti: "Gutanga bihesha ibyishimo kuruta guhabwa" (Ibyakozwe 20:35). Ese uribuka ukuntu wumvise umeze igihe wafashaga umuntu? Uribuka se igihe wategaga amatwi inshuti yawe ikakubwira ibiyiri ku mutima? Ese ntiwumvise wishimye bitewe n'uko wafashije mugenzi wawe?

Tugira ibyishimo byinshi iyo dufashije abandi tudategereje ko bazatwitura. Hari umwanditsi wavuze uti: "Ntushobora gutanga ikintu utizeye ko uzahabwa ibirenze. *Icy'ingenzi ni ugutanga utizeye ko uzagororerwa.*" Icyakora iyo dutanze tutiteze ibihembo, tubona ingororano. Iyo dufashije abandi bishimisha Umuremyi wacu kuko abona ko ugiriye neza abandi, aba amugurije (Imigani 19:17). Aha agaciro ibyo dukorera aboroheje,

kandi adusezeranya ko azaduha ubuzima bw'iteka muri paradizo ku isi. Ibyo ni ibyiringiro bihebuje! —Zaburi 37:29; Luka 14:12-14.*

Nanone Bibiliya yigisha ko gusenga Imana y'ukuri Yehova bihesha ibyishimo. Ijambo rye ridutera inkunga yo kumusingiza, kumuhesha ikuzo no kumwumvira (Umubwiriza 12:13; Ibyahishuwe 4:11). Iyo tubigenje dutyo, dushimisha Umuremyi wacu. Imana iratubwira iti: "Gira ubwenge kandi ushimishe umutima wanjye" (Imigani 27:11). Iyo dufashe imyanzuro ishingiye ku mahame yo muri Bibiliya, dushimisha Data wo mu ijuru. Kuki bimushimisha? Ni uko atwitaho kandi akaba yifuza ko dukurikiza ubuyobozi bwe (Yesaya 48:17, 18). Nta cyaruta gusenga Yehova umutegetsi w'ikirenga w'ijuru n'isi no kumushimisha.

2 KUGIRANA UBUCUTI N'UMUREMYI WACU

Bibiliya idufasha kugirana ubucuti n'Umuremyi wacu. Igira iti: "Mwegere Imana na yo izabegera" (Yakobo 4:8). Hari igihe twakwibaza niba koko dushobora kugirana ubucuti n'Umuremyi wacu ushobora byose. Icyakora Bibiliya itwizeza ko 'nidushaka Imana tuzayibona' kuko "itari kure y'umuntu wese muri twe" (Ibyakozwe 17:27). Kumvira inama ya Bibiliya idusaba kuba inshuti y'Imana ni ukwiteganyiriza. Mu buhe buryo?

Icyo twakora cyose, nta ho twahungira urupfu, ari rwo mwanzi wacu ukomeye (1 Abakorinto 15:26). Ariko Imana ihoraho iteka. Ntizigera ipfa kandi yifuza ko inshuti zayo na zo zibaho iteka. Bibiliya ikoresha amagambo meza cyane, atwereka icyo Yehova atwifuriza. Igira iti: 'Murakabaho iteka ryose.'—Zaburi 22:26.

Wakora iki ngo ugirane n'Imana ubucuti nk'ubwo? Uge ukomeza kwiga Ijambo ryayo ari ryo Bibiliya (Yohana 17:3; 2 Timoteyo 3:16). Uge uyisaba igufashe kurisobanukirwa. Bibiliya itwizeza ko 'nidukomeza gusaba Imana' ubwenge izabuduha* (Yakobo 1:5). Nanone jya ukurikiza ibyo usoma maze ureke Ijambo ry'Imana ribe 'itara ry'ibirenge byawe' n''urumuri rw'inzira zawe' kugeza iteka ryose.—Zaburi 119:105.

* Niba wifuza kumenya byinshi ku birebana n'ubuzima bw'iteka muri paradizo Imana yadusezeranyije, reba igice cya 3 mu gitabo *Ni iki Bibiliya itwigisha?*, cyanditswe n'Abahamya ba Yehova.

* Abahamya ba Yehova bigisha Bibiliya ku buntu ku buryo umuntu asobanukirwa neza Ibyanditswe. Niba ushaka kwiga Bibiliya, reba videwo ivuga ngo *"Kwiga Bibiliya bikorwa bite?"* Jya kuri jw.org/rw, ahanditse ngo "Shakisha" wandikemo umutwe w'iyo videwo.

Imana ihoraho iteka kandi ni byo yifuriza inshuti zayo

UBITEKEREZAHO IKI?

Ese Bibiliya yagufasha kuba inshuti y’Imana?

UKO BAMWE BABIBONA

Bumva ko tudashobora kuba inshuti z’Imana kuko turi abanyabyaha. Abandi bavuga ko Imana itatwitaho. Wowe se ubibona ute?

ICYO BIBILIYA IBIVUGAHO

“Abakiranutsi ni bo nkoramutima” z’Imana (Imigani 3:32). Iyo twumviye Imana, tuba inshuti zayo.

IBINDI BIBILIYA YIGISHA

- Imana yifuza ko tuba inshuti zayo. —Yakobo 4:8.
- Imana yiteguye kudufasha no kutubabarira kuko ari inshuti yacu.—Zaburi 86:5.
- Inshuti z’Imana zikunda ibyo ikunda, zikanga ibyo yanga.—Abaroma 12:9.

MUNYOHEREREZE IGITABO

Ni iki Bibiliya itwigisha?

Niba wifuza ibindi bisobanuro, reba igice cya 12 k’iki gitabo, cyanditswe n’Abahamya ba Yehova. Nanone kiboneka ku rubuga rwa **www.jw.org/rw**

URURIMI _____

AMAZINA _____

ADERESI _____

_____

_____

Reba aderesi ku ipaji ya 2

JW .ORG™

Vana iyi gazeti kuri interineti ku buntu, uvaneho n’andi yasohotse mu gihe cyashize

Ubu Bibiliya iboneka ku rubuga rwacu mu ndimi zirenga 150

Jya kuri **www.jw.org/rw** cyangwa usikane iyi kode

wp18.1-YW
170919